# 332: Turirimbe na none Ubuntu bw' Umwami;

1. Turirimbe na none Ubuntu bw' Umwami; Umunezero rawmshi Ubemu mitima. Agakiza kacu Kavuye mw yuru : Dufit' Umukiza. (x 2)

2. Imana ntirakara :N' amahirwe yacu. Ibabarir' umubi Wayisuzuguye. Umukiza wacu Yikorey' ibyaha Byatwicaga rwose. (x 2)

3. Ni dushakan' umwete Ijambo ry'Imana, Tuzagirirwa neza N'Umukiza Yesu. Ni We ntwari yacu : Araturwanira, Agahor' atsinda. (x 2)

4. Abacunguwe bose Aberek' inzira; Ashyir' umucyo mwiza Mu mitima yabo. Umwuka we wera Uhor' utwigisha Iby'ukuri byose. (x 2)

5. Kand' azava mw ijuru, Mu bwiza bw'Imana; Azaba yanesheje; Azaturokora. Abizeye bose Bazishim' iteka, Bamubony' ukw ari. (x 2)

Visit us at indirimbo.com